| 6 | KAREKEZI Louise | 1197270056865060 | MUHOZA/MUSANZE |
| 7 | KANGABIRE Appoline | 1197270025086134 | RUSATIRA/HUYE |
| 8 | MUKAMUTARA Marthe | 1196170046281072 | KIBUNGO/NGOMA |
| 9 | MUJAWIMANA Patricie | 1197070057526028 | JANJA/GAKENKE |

ITEKA RYA MINISITIRI N° 69/08.11 RYO KUWA 18/04/2011 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N° 69/08.11 OF 18/04/2011 GRANTING LEGAL STATUS TO THE «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N° 69/08.11 DU 18/04/2011 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'«ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DE MATIERS

Ingingo ya mbere: Izina n'icyicaro by'umuryango

Article One: Name and Head Office of the Association

Article premier: Dénomination et siège de l'association

Ingingo ya 2 : Intego z'umuryango

Article 2: Objectives of the Association

Article 2 : Objectifs de l'association

Ingingo ya 3: Abavugizi b'umuryango

Article3: Legal Representatives

Article 3 : Représentants légaux

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 69/08.11 RYO KUWA 18/04/2011 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N° 69/08.11 OF 18/04/2011 GRANTING LEGAL STATUS TO THE «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N° DU ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'«ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX.

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

The Minister of Justice/ Attorney General,

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;

Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo ku wa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'ya 20 ;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8, 9, 10 and 20;

Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Abisabwe n' Umuvugizi w'umuryango «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» mu rwandiko rwe rwakiriwe ku wa 25/05/2010;

On request lodged by the Legal Representative of the «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA) » on 25/05/2010;

Sur requête du Représentant Légal de L'«ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» reçue le 25/05/2010;

ATEGETSE :

HEREBY ORDERS :

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Izina n'Icyicaro by'umuryango

Ubuzimagatozi buhawe, umuryango «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» ufite icyicaro mu Akarere ka Burera, mu Intara y'Amajyaruguru.

Ingingo ya 2 : Intego z'umuryango

Umuryango ugamije « Kuzamura imibereho y'abatwariye, cyane cyane abari mungorane ».

Ingingo ya 3: Abavugizi b'umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'umuryango «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» ni **Bwana DUKUNDIGENA Arsene**, umunyarwanda, utuye mu Murenge wa Rusarabuge, Akarere ka Burera, mu Intara y'Amajyaruguru.

Uwemerewe kuba Umuvugizi wungirije w'uwo muryango ni **Bwana HARELIMANA Viateur**, umunyarwanda utuye mu Murenge wa Rusarabuge, Akarere ka Burera, mu Intara y'Amajyaruguru.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika

Article One: Name and Head Office of the Association

Legal status is hereby granted to the «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA) » situate at Burera District, in Northern Province.

Article 2: Objectives of the Association

The aim of the organization is “to promote the well-being of vulnerable people.

Article 3: Legal Representatives

Mr DUKUNDIGENA Arsene of Rwandan nationality, residing in Rusarabuge Sector, Burera District, in Northern Province is hereby authorised to be the Legal Representative of the «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)».

Mr HARELIMANA Viateur, of Rwandan nationality, residing in Rusarabuge Sector, Burera District, in Northern Province, is hereby authorised to be the Deputy Legal Representative of the same Association.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the

Article premier: Dénomination et Siège de l'association

La personnalité civile est accordée à L'«ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» dont le siège est dans le District de Burera, dans la Province du Nord.

Article 2 : Objectifs de l'association

L'organisation a pour objet « d'améliorer les conditions de vie des populations vulnérables».

Article 3 : Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l'«ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (APADEC/BURERA)» **Monsieur DUKUNDIGENA Arsene** de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Rusarabuge, District de Burera, Province du Nord.

Est agréé en qualité de Représentant Légal Suppléant de la même association, **Monsieur HARELIMANA Viateur**, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Rusarabuge, District de Burera, dans la Province du Nord.

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République

Official Gazette n° 22 of 30/05/2011

y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 18/04/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/04/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

du Rwanda.

Kigali, le18/04/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux

UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU

**ISHYIRAHAMWE RY'ABABYEYI
RIHARANIRA ITERAMBERE
RY'ABATURAGE MU KARERE KA
BURERA (APADEC/BURERA)**

AMATEGEKO SHINGIRO

UMUTWE WA MBERE

IZINA, INTEBE, IGIHE N'INTEGO

Ingingo ya mbere :

Abashyize umukono kuri aya mategeko bashinze umuryango witwa << **ISHYIRAHAMWE RY'ABABYEYI RIHARANIRA ITERAMBERE RY'ABATURAGE MU KARERE KA BURERA (APADEC/PACOD/BURERA)**>>, mu magambo ahinnye, ugengwa n'aya mategeko shingiro hamwe n'itegeko N° 20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu.

Ingingo ya 2 :

Icyicaro cy'umuryango gishyizwe mu Murenge wa Rusarabuye, Akarere ka Burera, Intara y'Amajyaruguru. Gishobora ariko kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe n'inteko Rusange

ORGANISATION SANS BUT LUCRATIF

**ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE
DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE
DANS LE DISTRICT DE BURERA
(APADEC/ BURERA)**

STATUTS

CHAPITRE I

**DENOMINATION, SIEGE, DUREE ET
OBJET**

Article premier :

Il est constitué entre les soussignés, une organisation dénommée << **ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE DANS LE DISTRICT DE BURERA (APADEC/ BURERA)**>> en sigle, régie par les présents statuts et soumise aux dispositions de la loi N° 20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux organisations sans but lucratif.

Article 2 :

Le siège de l'organisation est établi dans le Secteur Rusarabuye, District Burera, Province du Nord. Il peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sur Décision de l'Assemblée Générale.

NON PROFIT MAKING ORGANIZATION

**PARENTS ASSOCIATION FOR
COMMUNITY DEVELOPMENT IN
BURERA DISTRICT (PACOD/BURERA)**

STATUTES

CHAPTER ONE

**NAME, HEAD OFFICE, DURATION AND
OBJECTIVES**

Article one :

The undersigned people convene to create an organization named << **PARENTS ASSOCIATION FOR COMMUNITY DEVELOPMENT IN BURERA DISTRICT (PACOD/BURERA)**>>, governed by the Law N° 20/2000 of July 26th, 2000, relating to none profit making organizations and submitted to the present constitution.

Article 2 :

The registered office of the organization is located at Rusarabuye Sector, Burera District, Northern Province. It may however be shifted to Rwanda on decision of the General Assembly.

Ingingo ya 3 :

Umuryango ukorera imirimo yawo mu Karere ka Burera, ariko ushobora kwagurira ibikorwa byawo mu tundi turere tw'u Rwanda byemejwe n' inteko Rusange. igihe uzamara ntikigenwe.

Ingingo ya 4 :

Umuryango ugamije « Kuzamura imibereho y'abatwariye, cyane cyane abari mungorane »
Umuryango ushobora gukora indi mirimo yemewe n'amategeko ituma ugera ku ntego yawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye.

**UMUTWE WA II: IBYEREKEYE
ABANYAMURYANGO**

Ingingo ya 5:

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abanyamuryango bawinjiramo n'ab'icyubahiro.

Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.

Abanyamuryango bawinjiramo ni ababisaba bamaze kwiyezwa gukurikiza aya mategeko shingiro, bakemerwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango bemerwa n'Inteko Rusange kubera inkunga ishimishije batera umuryango. Bagishwa inama gusa, ariko ntibatora.

Article 3 :

L'organisation exerce ses activités dans le District de Burera, mais peut faire l'extension des activités dans d'autres localités du Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale. Elle est créée pour une durée indéterminée.

Article 4 :

L'organisation a pour objet « d'améliorer les conditions de vie des populations défavorisées »
L'organisation peut réaliser d'autres opérations légales se rattachant directement ou indirectement à son objet.

CHAPITRE II : DES MEMBRES

Article 5 :

L'organisation se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneur.

Sont membres fondateurs, les signataires des présents statuts.

Sont membres adhérents les personnes physiques qui sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Les membres d'honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale décerne cette qualité pour leur soutien appréciable apporté à l'organisation.

Ils jouent un rôle consultatif mais ne prennent pas part aux votes.

Article 3 :

The organization shall carry out its activities in Burera District, but can extend the activities in other areas of Rwanda upon decision of the General Assembly. It is created for an undetermined duration.

Article 4 :

The aim of the organization is "to promote the well-being of vulnerable people."
The organization can carry out other legal activities related or not to its aim.

CHAPTER II : MEMBERSHIP

Article 5 :

The organization is composed of founder members, adherent members and honorary members.

The founders members are the signatories of the presents statutes.

Adherent members are physical persons who, upon request and after subscription to this constitution, are agreed by the General Assembly.

Honorary members are physical or moral persons agreed by the General Assembly due to special support rendered to the organization.

Honorary members are
They play a consultative role, but have no right to votes.

Ingingo ya 6 :

Abanyamuryango nyakuri bawushinze n'abawinjiyemo biyemeza gukorera umuryango batizigama. Bagomba kuza mu nama z'Inteko Rusange, bafite uburenganzira bwo gutora. Bagomba gutanga umusanzu ugenwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 7 :

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zohererezwa Perezida wa Komite Nyobozi, akazishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ibyemeze.

Ingingo ya 8 :

Gutakaza ubunyamuryango biterwa n'urupfu, gusezera ku bushake, kwirukanwa cyangwa iseswa ry'umuryango. Usezeye ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza ngenyamikorere y'umuryango.

Article 6 :

Les membres effectifs prennent l'engagement de participer inconditionnellement aux activités de l'organisation. Ils doivent participer aux réunions de l'Assemblée Générale avec voix délibérative. Ils ont le devoir de verser une cotisation dont le montant est fixé par l'Assemblée Générale.

Article 7 :

Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président du Comité Directeur et soumises à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Article 8 :

La qualité de membre se perd par décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'organisation. Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Comité Directeur et soumis à l'approbation de l'assemblée Générale.

L'exclusion est prononcée par l'assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement d'ordre intérieur de l'organisation.

Article 6 :

Founder members and adherent members constitute the effective membership of the organization. They are committed to actively participate in all the activities of the organization. They attend all the meetings of the General Assembly with the right to vote and have to give contributions decided by the General Assembly.

Article 7 :

Applications for membership are addressed to the President of the Executive Committee and agreed by the General Assembly.

Article 8 :

Loss of membership is caused by death, voluntary resignation, exclusion or dissolution of the organization. Voluntary resignation is written and addressed to the President of the Executive Committee and is approved by the General Assembly.

Exclusion is adopted by the General Assembly upon the 2/3 majority votes against any member who no longer conforms to this constitution and the internal regulations of the organization.

**UMUTWE WA III: IBYEREKEYE
UMUTUNGO**

Ingingo ya 9 :

umuryango ushobora gutira, gukodesha cyangwa gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugira ngo ugere ku ntego zawo.

Ingingo ya 10 :

Umutungo w'umuryango ugizwe n'imisanzu y'abanyamuryango, impano, imirage, imfashanyo zinyuranye, n'umusaruro ukomoka ku bikorwa by'umuryango.

Ingingo ya 11 :

umuryango ugenera umutungo wawo igikorwa cyose cyatuma ugera ku ntego yawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye. Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire umugabane asaba igihe asezeye, iyo yirukanwe cyangwa igihe umuryango usheshwe.

Ingingo ya 12 :

Igihe umuryango usheshwe, Inteko Rusange ishira umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe kurangiza iryo seswa. Iyo hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango bihuje intego cyangwa ugashyirwa mu

CHAPITRE III : PATRIMOINE

Article 9 :

L'organisation peut posséder : soit en jouissance, soit en location, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

Article 10 :

Le patrimoine de l'organisation est constitué des cotisations des membres, des dons, des legs, des subventions diverses, ainsi que des revenus issus des activités de l'organisation.

Article 11 :

L'organisation affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'organisation.

Article 12 :

En cas de dissolution, l'Assemblée Générale désigne un ou plusieurs curateurs chargés de procéder à la liquidation des biens de l'organisation. Après inventaire des biens meubles et immeubles de l'organisation et apurement du passif, l'actif du patrimoine sera cédé à une autre organisation

**CHAPITRE III : THE ASSETS OF THE
ORGANIZATION**

Article 9 :

The organization may hire or own movable and immovable properties needed to realize its objectives.

Article 10 :

The assets of the organization come from the contributions of the members, donations, legacies, various subsidies and revenues generated by its activities.

Article 11 :

The organization designs its assets to all that can directly or indirectly contribute to the realization of its objectives. No member has the right to own it or claim any share in case of voluntary resignation, exclusion or dissolution of the organization.

Article 12 :

In case of dissolution, the General Assembly will appoint one or many curators in charge of liquidation of properties of the organization. After inventory of movable and immovable properties and payment of debts, the remaining assets shall be transferred to another organization pursuing similar objectives or be appointed to a

gikorwa cy'ubugiraneza.

poursuivant des objectifs similaires ou affecté à une œuvre philanthropique.

philanthropic organization.

UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE INZEGO

CHAPITRE IV : DES ORGANES

CHAPTER IV : THE ORGANS

Ingingo ya 13 :

Inzego z'umuryango ni Inteko Rusange, Komite Nyobozi n'Ubugenzuzi bw'imari. Inteko Rusange ishobora gufata icyemezo cyo gushyiraho amakomisiyo ahoraho cyangwa adahoraho.

Article 13 :

Les organes de l'organisation sont l'Assemblée Générale, le Comité Directeur et le Commissariat aux comptes. L'Assemblée Générale décide de la création de commissions permanentes ou ad hoc.

Article 13 :

The organs of the organization are the General Assembly, the Executive Committee and the Auditing Committee. The General Assembly can decide for permanent commissions or ad hoc commissions.

Igice cya mbere : Ibyerekeye Inteko Rusange

Section première : De l'Assemblée Générale

Section one: The General Assembly

Ingingo ya 14 :

Inteko Rusange ni rwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bose.

Article 14 :

L'assemblée Générale est l'organe suprême de l'organisation. Elle est composée de tous les membres effectifs de l'Organisation.

Article 14 :

The General Assembly is the supreme body of the organization. It is composed of all the effective membership.

Ingingo ya 15 :

Inteko Rusange ihamagarwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite Nyobozi; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida. Igihe Perezida na Visi-Perezida bombi badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagarwa mu nyandiko isinyweho na 1/3 cy'ababanyamuryango nyakuri. icyo gihe, Inteko yitoramo Perezida w'inama.

Article 15 :

L'assemblée Générale est convoquée et dirigée par le Président du Comité Directeur ou à défaut, par le Vice-Président. En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanés du Président et du Vice-président, L'Assemblée Générale est convoquée par écrit par 1/3 des membres effectifs. Pour la circonstance, l'Assemblée élit en son sein un Président de la session.

Article 15 :

The General Assembly is convened and chaired by the President of the Executive Committee or in case of absence, by the Vice- President. In case absence, impediment or simultaneous defaulting of the president and the vice president; the General Assembly is summoned in writing by 1/3 of the effective members. In this case, the General Assembly elects a among the members present president of that particular meeting.

Ingingo ya 16 :

Inteko Rusange iterana kabiri mu mwaka mu nama zisanzwe. Inzandiko z'ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa, ahantu, itariki n'isaha inama izateraniraho, zohererezwa abanyamuryango nibura mbere y'iminsi 15.

Ingingo ya 17 :

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumirwa mu minsi 10 icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro ititaye ku mubare w'abaje.

Ingingo ya 18 :

Inteko Rusange idasanzwe iterana igihe bibaye ngombwa. Ihamagarwa kandi ikayoborwa mu buryo bumwe nk'ubw'Inteko Rusange isanzwe. Igihe cyo kuyitumiza gishingira ku bwihutirwe bw'ikigamijwe. Icyo gihe, impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe ku murongo w'ibyigwa.

Article 16 :

L'Assemblée Générale se réunit deux fois par an en sessions ordinaires. Les invitations contenant l'ordre du jour, le lieu, la date et l'heure de la réunion sont adressées aux membres au moins 15 jours avant la réunion.

Article 17 :

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les 2/3 des membres effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de 10 jours. A cette échéance, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit les nombres de participants.

Article 18 :

L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin. Les modalités de sa convocation et de sa Présidence sont les mêmes que celles de l'Assemblée Générale ordinaire.

Les délais de sa convocation dépendent de l'urgence de la question à traiter. Dans ce cas, les débats ne portent que sur la question inscrite à l'ordre du jour.

Article 16 :

The General Assembly gathers twice a year in ordinary sessions. Invitation announcement containing the agenda is addressed to members at least 15 days before the meeting.

Article 17 :

The General Assembly legally meets when it gathers the two third (2/3) effective membership. In case the quorum is not attained, a second meeting is convened within ten days. In that case, the General Assembly gathers and takes valuable resolutions irrespectively of the number of participants.

Article 18 :

The extraordinary General Assembly is convened as it deems necessary. The modalities in which it is convened and chaired are the same as for ordinary one.

The deadline to convene the General Assembly depends upon the emergency of the matter. Debates shall deal only with the matter on agenda.

Ingingo ya 19 :

Uretse ibiteganywa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 20 :

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

- kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango n'amabwiriza mbonezamikorere yawo;
- gutora no kuvanaho abagize komite nyobozi n'abaganzuzi b'imari;
- kwemeza ibyo umuryango uzakora;
- kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango;
- kwemeza buri mwaka imicungire y'imari;
- kwemera impano n'indagano;
- gusesa umuryango.

Igice cya kabiri: ibyerekeye Komite Nyobozi

Ingingo ya 21 :

Komite Nyobozi igizwe na :

Article 19 :

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux organisations sans but lucratif et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de partie, celle du Président compte double.

Article 20 :

L'Assemblée Générale est dotée des pouvoirs ci-après :

- Adopter et modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur de l'organisation ;
- Elire et révoquer les membres du Comité Exécutif et les Commissaires aux comptes ;
- Déterminer les activités de l'organisation ;
- Admettre, suspendre ou exclure un membre ;
- Approuver les comptes annuels ;
- Accepter les dons et legs ;
- Décider de la dissolution de l'organisation.

Section deuxième : Du Comité Directeur

Article 21 :

Le Comité Directeur est composé :

Article 19 :

Save for cases willingly provided for by the law governing the non profit making organizations and the present constitution, the resolutions of the General Assembly are valuable when adopted by the absolute majority votes. In case of equal votes, the President has the casting vote.

Article 20 :

The General Assembly has the following powers:

- To adopt and to modify the constitution and internal regulations of the organization;
- To appoint and to dismiss members of the Executive Committee and the Auditing committee;
- To state on the organization's activities;
- To admit, to suspend and to exclude a member;
- To approve the yearly accounts of the organization;
- To accept grants and inheritances;
- To decide upon the dissolution of the organization.

Section two : The Executive Committee

Article 21 :

The Executive Committee is composed of :

Official Gazette n° 22 of 30/05/2011

- | | | |
|--|---|---|
| - Perezida : Umuvugizi w’umuryango; | - du Président : Représentant Légal de l’organisation ; | - The President : Legal Representative of the organization; |
| - Visi-Perezida : Umuvugizi wungirije; | - du Vice-président : Représentant Légal Suppléant ; | - The Vice – president : Deputy Legal Representative; |
| - Umunyamabanga; | - du Secrétaire ; | - The Secretary; |
| - Umubitsi; | - du Trésorier ; | - The Treasurer; |

Ingingo ya 22 :

Abagize Komite Nyobozi batorwa n’Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri mu gihe cy’imyaka itatu gishobora kongerwa.

Article 22 :

Les membres du Comité Directeur sont élus par l’Assemblée Générale parmi les membres effectifs pour un mandat de trois ans renouvelable.

Article 22 :

The Executive Committee members are elected among the effective membership by the General Assembly for three years renewable.

Ingingo ya 23 :

Komite Nyobozi iterana igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe, ariko byanze bikunze rimwe mu gihembwe, ihamagawe kandi iyobowe na Perezida wayo; bitashoboka, bigakorwa na Visi-Perezida.

Article 23 :

Le Comité Directeur se réunit autant de fois que de besoin extra ordinairement, mais obligatoirement une fois par trimestre, sur convocation et sous la direction, soit de son Président ou à défaut, du Vice-Président.

Article 23 :

The Executive Committee gathers as necessary extra ordinary but obligatorily once in three months. It is convened by the President or in case of absence, by the Vice-president.

Iterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro hakurikijwe ubwiganze busesuye bw’abayigize. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze busanzwe bw’amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw’abiri.

Il siège et délibère valablement à la majorité absolue de membres. Ses décisions sont prises à la majorité simple de voix. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

It legally meets and takes valuable resolutions when it gathers the absolute majority of the members. Its resolutions are valuable when voted by the simple majority. In case of equal votes, the President has the casting vote.

Ingingo ya 24 :

Komite Nyobozi ishinzwe :

- gushyira mu bikorwa ibyemezo n’ibyifuzo by’Inteko Rusange;

Article 24 :

Le Comité Directeur est chargé de :

- mettre en exécution les décisions et les recommandations de l’Assemblée Générale ;

Article 24 :

The Executive Committee has the following duties :

- To execute the decisions and recommendations of the General Assembly;

- | | | |
|---|---|--|
| <ul style="list-style-type: none">- kwita ku micungire ya buri munsu y'umuryango;- gukora raporo y'ibyakozwe mu mwaka urangiye;- gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;- gushyikiriza Inteko Rusange ingingo z'amategeko n'iz'amabwiriza ngengamikorere zigomba guhinduka;- gutegura no kuyobora inama z'Inteko Rusange;- Kugirana imishyikirano n'indi miryango igamije ubutwererane no gushaka inkunga;- Gushaka, gushyiraho no gusezerera abakozi bo mu nzego zinyuranye z'umuryango. | <ul style="list-style-type: none">- veiller à la gestion quotidienne de l'organisation;- rédiger le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé ;- élaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale ;- proposer à l'Assemblée Générale les modifications aux statuts et au règlement d'ordre intérieur ;- préparer et diriger les sessions de l'Assemblée Générale ;- négocier les accords de coopération et de financement avec des partenaires ;- recruter, nommer et révoquer le personnel de divers services de l'organisation. | <ul style="list-style-type: none">- To deal with the day to day management of the organization;- To elaborate annual reports of activities;- To elaborate budget provisions to submit to the approval of the General Assembly;- To propose to the General Assembly all the amendments to the constitution and the internal regulations;- To prepare and chair the sessions of the General Assembly;- To negotiate funding with partners;- To recruit, appoint and dismiss the staff. |
|---|---|--|

Igice cya gatatu: ibyerekeye Ubugenzuzi bw'imari

Ingingo ya 25 :

Inteko Rusange ishira buri mwaka abagenzuzi b'imari babiri bafite inshingano zo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo y'umuryango no kuyikorera raporo. Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'innyandiko z'ibaruramari by'umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko. Batanga raporo zabo mu Nteko Rusange.

Section troisième : Du Commissariat aux Comptes

Article 25 :

L'Assemblée Générale nomme annuellement un ou deux Commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autre patrimoine de l'organisation et lui en faire rapport. Ils ont accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'organisation. Ils rendent des comptes à l'Assemblée Générale.

Section three : The Auditing Committee

Article 25 :

The General Assembly appoints annually one or two internal Auditors committed to control at any time the management of financial accounts and other properties of the organization and give report. They have access, without carrying them outside, to the books and accounting documents of the organization. They report to the General Assembly.

**UMUTWE WA V: IBYEREKEYE
IHINDURWA RY'AMATEGEKO N'ISESWA
RY'UMURYANGO**

Ingingo ya 26 :

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe n'inama y'ubuyobozi cyangwa na 2/3 cy'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 27 :

Byemejwe ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi, Inteko Rusange ishobora gusesa umuryango,. Igihe umuryango usheshwe, hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimikanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango nyarwanda bihuje intego.

**UMUTWE WA VI : IBYEREKEYE INGINGO
ZISOZA**

Ingingo ya 28 :

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngengamikorere y'umuryango yemejwe n'Inteko Rusange.

**CHAPITRE V : DES MODIFICATIONS
AUX STATUTS ET DE LA DISSOLUTION
DE L'ORGANISATION**

Article 26 :

Les présents statuts peuvent être modifiés sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue des voix, sur proposition du Comité Directeur ou à la demande des 2/3 des membres effectifs.

Article 27 :

L'Assemblée Générale, sur décision de la majorité de 2/3 des voix, peut prononcer la dissolution de l'organisation. En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles de l'organisation et apurement du passif, l'actif du patrimoine est cédé à une organisation rwandaise poursuivant des objectifs similaires.

**CHAPITRE VI : DES DISPOSITIONS
FINALES**

Article 28 :

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'organisation adopté par l'Assemblée Générale.

**CHAPTER V : AMENDMENTS OF THE
CONSTITUTION AND DISSOLUTION OF
THE ORGANIZATION**

Article 26 :

The present constitution may be amended by the General Assembly upon absolute majority votes, on proposal from the Executive Committee or upon request from the 2/3 of effective membership.

Article 27 :

Upon decision of the two third (2/3) majority votes, the General Assembly may dissolve the organization. In case of dissolution, after inventory of movable and immovable properties and payment of debts, the remaining assets shall be transferred to a Rwanda organization pursuing similar objectives.

CHAPTER VI : FINAL PROVISIONS

Article 28 :

The modalities of implementing the present constitution and any lacking provision shall be determined in the internal regulations of the organization adopted by the General Assembly.

Ingingo ya 29 :

Aya mategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abashinze umuryango bari ku ilisiti iyometseho mu nteko rusange yateranye kuwa 15/11/2009. Agaciro kayo gahera kuri iyo tariki.

(sé)

DUKUNDIGENA Arsene
Umuwugizi w'umuryango

(sé)

HARELIMANA Viateur
Umuwugizi wungirije w'umuryango

Article 29 :

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres fondateurs de l'organisation dont la liste est en annexe lors des assises de l'Assemblée Générale réunie en date du 15/11/2009. Ils sortent leurs effets à cette date.

(sé)

DUKUNDIGENA Arsene
Le Représentant Légal de l'organisation

(sé)

HARELIMANA Viateur
Le Représentant Légal Suppléant de l'organisation

Article 29 :

The present constitution is hereby approved and adopted by the founder members of the organization whose list is hereafter attached in General Assembly gathered on 15th/11/2009. It takes effects on that date.

(sé)

DUKUNDIGENA Arsene
The Legal Representative of the organization

(sé)

HARELIMANA Viateur
The Deputy Legal Representative of the organization

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA RUSANGE ISHINGA ISHYIRAHAMWE
APADEC –BURERA, YO KUWA 15/11/2009**

Inama yatangiye saa tanu n'igice.

Umuyobozi w'inama yagejeje ku bayitabiriye ingingo ziri ku murongo w'ibigwa:

1. Gushinga ishyirahamwe
2. Kwemeza amategeko rusange (statuts) y'ishyirahamwe.
3. Gutora komite
4. Gushyira umukono ku mategeko rusange

1. Gushinga ishyirahamwe

Abari mu nama bose bumvikanye ko bashinze ishyirahamwe ry'ababyeyi rigamije iterambere ry'abaturage mu Karere ka BURERA;(APADEC-BURERA mu magambo ahinnye y'igifaransa) rikaba ridaharanira inyungu.

2. Kwemeza amategeko rusange (statuts) y'ishyirahamwe.

Nyuma yo kuyasomerwa no kuyakorera ubugororangingo, abanyamuryango bayemeje yose uko ari.

3. Gutora komite.

Amatora ya komite nyobozi na ngenzuzi yahise atangira: dore abatowe n'imyanya batorewe:

| Urwego | Imyanya itorerwa | Abatowe |
|----------|------------------|-----------------------------|
| NYOBOZI | Perezida | DUKUNDIGENA Arsène |
| | Visi perezida | HARELIMANA Viateur |
| | Umwanditsi | HITAYEZU Pontien |
| | Umubitsi | NZAYITURIKI Dorotheé |
| NGENZUZI | Umugenzuzi | BAGIRAMENSHI Jean Damascène |
| | Umugenzuzi | RUTAYISIRE Jean de Dieu |

Nyuma y'amatora, uwatowe ku mwanya wa Perezida, DUKUNDIGENA Arsene yahawe ijambo ashimira abatoye bese, avuga ko azakomeza gukorera ishyirahamwe ashishikaye.

4. Gushyira umukono ku mategeko rusange

Noteri w'Akarere wari watumiwe muri icyo nama yayoboye imihango yo gushyira umukono ku mategeko rusange y'ishyirahamwe nawe ayashyiraho umukono.

Uwayoboye inama yarangiye ashimira abayitabiriye bese avuga ko ishyirahamwe ryakoraga mu buryo bw'agateganyo, ko guhera uyu munsu aribwo rishinzwe ku buryo bwemewe n'amategeko.

Inama yarangiye saa cyenda n'igice.

Umwanditsi w'inama

HITAYEZU Pontien (sé)

Umuyobozi w'inama

HARELIMANA VIATEUR (sé)

DECLARATION DES REPRESENTANTS LEGAUX DE L'ORGANISATION

**ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE DANS
LE DISTRICT DE BURERA« APADEC BURERA»**

Nous, **DUKUNDIGENA Arsène** et **HARELIMANA Viateur**, respectivement Représentant Légal et Représentant Légal Suppléant de L'ASSOCIATION DES PARENTS POUR LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE DANS LE DISTRICT DE BURERA« APADEC / BURERA», en sigle, déclarons avoir accepté d'assumer les fonctions ci haut citées sans contraintes et accepté de nous conformer aux instructions et aux règlements de l'institution.

Fait à Burera le 15/11/2009

Liste des Membres Fondateurs

| NO | NOMS ET PRENOMS | SIGNATURE |
|-----------|-------------------------------|------------------|
| 1 | ABIYINGOMA Jean Nepomuscène | (sé) |
| 2 | BAGIRAMENSHI Jean Damascène | (sé) |
| 3 | BIZIMANA Evariste | (sé) |
| 4 | Dr SEMASAKA Gabriel | (sé) |
| 5 | DUKUNDIGENA Arsène | (sé) |
| 6 | DUSABEYEUZU Sebastien | (sé) |
| 7 | DUSENGE Denys | (sé) |
| 8 | DUSHIMIYIMANA Dominique Savio | (sé) |
| 9 | GASASIRA Fidele | (sé) |
| 10 | GUMIRAKIZA Jean Dominique | (sé) |
| 11 | HARELIMANA Viateur | (sé) |
| 12 | HITAYEZU Pontien | (sé) |
| 13 | MANIRAGABA Joseph | (sé) |
| 14 | MUHAYIMANA Ignace | (sé) |
| 15 | MUJAWIMANA Eugénie | (sé) |
| 16 | MURANGIRA Nasson | (sé) |
| 17 | MURWANASHYAKA Edouard | (sé) |
| 18 | MUSONI Adeodat | (sé) |
| 19 | NIYITEGEKA Valens | (sé) |
| 20 | NKULIKIYIMANA Emmanuel | (sé) |
| 21 | NZABONIMPA Jean Providence | (sé) |
| 22 | NZAYITURIKI Dorothée | (sé) |
| 23 | RUMAZIMINSI Tarzan Alexis | (sé) |
| 24 | RUTAYISIRE Jean de Dieu | (sé) |
| 25 | RWASAMANZI Sylvestre | (sé) |
| 26 | SEBACURUZI Evariste | (sé) |
| 27 | SHARAMANZI Alphonse | (sé) |
| 28 | UWAMARIYA Dévotha | (sé) |
| 29 | ZARADUHAYE Joseph | (sé) |

ITEKA RYA MINISITIRI N° 83/0811 RYO MINISTÉRIAL ORDER N° 83/0811 OF ARRETE MINISTERIEL N° 83/0811 DU
KUWA 06/05/2011 RITANGA 06/05/2011 AUTHORIZING NAME 06/05/2011 PORTANT AUTORISATION DE
UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA ALTERATION CHANGEMENT DE NOM

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Uburenganzira bwo guhindura amazina

Article One: Authorization to alter names

Article premier: Autorisation de changement de noms

Ingingo ya 2: Igihe cyo guhinduza mu gitabo cy'irangamimerere

Article 2: Duration for alteration in the civil registry

Article 2 : Délai de changement au registre de l'état Civil

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3 : Entrée en vigueur

| | | |
|--|---|--|
| ITEKA RYA MINISITIRI N° 83/0811 RYO KUWA 06/05/2011 RITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA | MINISTERIAL ORDER N° 83/0811 OF 06/05/2011 AUTHORIZING NAME ALTERATION | ARRETE MINISTERIEL N° 83/0811 DU 06/05/2011 PORTANT AUTORISATION DE CHANGEMENT DE NOM |
|--|---|--|

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

The Minister Justice/Attorney General

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;

Ashingiye ku Itegeko n° 42/1988 ryo kuwa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya Mbere cy'Urwunge rw'Amategeko Mbenezamubano, cyane cyane mu ngingo zaryo kuva ku ya 65 kugeza kuya 71;

Pursuant to Law n° 42/1988 of 27 October 1988, establishing the Preliminary Title and Volume One of the Civil Code, especially in Articles 65 to 71;

Vu la Loi n° 42/1988 du 27 octobre 1988 instituant le Titre Préliminaire et le Livre Premier du Code Civil, spécialement en ses articles de 65 à 71 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n°27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004 determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier;

Amaze kubona Iteka rya Minisitiri n°019/17 ryo kuwa 05/12/2001 rihindura Iteka rya Minisitiri n° 097/05 ryo kuwa 25/03/1992 rishyiraho umubare w'amafaranga atangwa n'abashaka guhinduza amazina yabo n'uburyo yakirwa, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;

Pursuant to Ministerial Order n° 019/17 of 5/12/2001, modifying Ministerial Order n° 097/05 of 25/03/1992, establishing the amount of fees be paid for altering names and modalities for their collection, especially in Article One;

Considérant l'Arrêté Ministériel n° 019/17 du 05/12/2001 modifiant l'Arrêté Ministériel n° 097/05 du 25/03/1992 portant fixation du montant des frais relatifs au changement de noms ou prénoms ainsi que les modalités de leur perception, spécialement en son article premier;

Abisabwe na Madamu **UMUHOZA Solange** utuye Kacyiru, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 09/09/2010;

On request lodged by Mrs **UMUHOZA Solange** domiciled in Kacyiru, Gasabo District, City of Kigali on 09/09/2010;

Sur requête de Madame **UMUHOZA Solange** domiciliée à Kacyiru, District de Gasabo, Ville de Kigali, reçue le 09/09/2010;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Uburenganzira bwo guhindura amazina

